
REB | RWANDA BASIC EDUCATION BOARD

# INYANDIKO IGARAGAZA INZEGO Z'IBITABO BY'IKINYARWANDA BYO GUSOMA MU KICIRO CYA MBERE CY'AMASHURI ABANZA




Nzeri, 2023

**© 2023 Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze**

Iyi nyandiko ni umutungo wa Leta y'u Rwanda

Uburenganzira bw'umuhanzi w'ibikubiye muri iyi nyandiko bufitwe n'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB).

# Ibirimo


**Ijambo ry'ibanze** ..... iii

**Gushimira** ..... iv

**Intangiriro** ..... 1

1. Ibiranga ibitabo byo gusoma mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza ..... 3

2. Ibiranga abanyeshuri bo muri buri rwego ..... 6

2.1 Urwego rwa 1 rw'abanyeshuri bisomera ..... 6

2.2 Urwego rwa 2 rw'abanyeshuri bisomera ..... 6

2.3 Urwego rwa 3 rw'abanyeshuri bisomera ..... 6

2.4 Urwego rwa 4 rw'abanyeshuri bisomera ..... 6

2.5 Urwego rwa 5&6 rw'abanyeshuri bisomera ..... 6

3. Ihuriro riri hagati y'inzego z'ibitabo n'umwaka abanyeshuri bigamo ..... 6

**Umugereka: Ingero z'ibitabo kuri buri rwego** ..... 8

4.1 Urwego rwa mbere: Akarabo ..... 8-10

4.2 Urwego rwa kabiri: Akazuba keza ..... 11-14

4.3 Urwego rwa gatatu: Akayuki k'agakozi ..... 15-20

4.4 Urwego rwa kane: Havumbutse Amashyuza ..... 21-25

4.5 Urwego rwa gatanu: Ubutwari bwa Mahoro ..... 26-31

4.6 Urwego rwa gatandatu: Muswa na Kimonyo ..... 32-38

# Ijambo ry'ibanze

Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB), runejejwe no gushyira ahagaragara inyandiko igaragaza inzego z'inkuru, imyandiko ntekerezo, ibiganiro n'imivugo bisomwa n'abanyeshuri bo mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza.

Iyi nyandiko yateguwe ku bufatanye n'abarimu, abashinzwe uburezi ku nzego zitandukanye, abakozi bashinzwe integanyanyigisho muri REB ndetse n'abafatanyabikorwa banyuranye bagira uruhare mu guteza imbere uburezi bw'ibanze mu Rwanda.

Iyi nyandiko igaragaza imiterere y'inzego z'ibitabo by'inyandiko z'Ikinyarwanda abanyeshuri bo mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza bashobora kwisomera ubwabo, ndetse igaragaza n'inzego zo gusoma abanyeshuri banyuramo uko ubushobozi bwabo mu gusoma bugenda bwiyongera.

Iyo abanyeshuri bagitangira gutozwa gusoma, baba bakeneye ibyo gusoma byoroshye, biri ku kigero cyabo. Abanyeshuri bari ku rwego rwo hasi rwo gusoma bakenera inkuru, imyandiko ntekerezo, ibiganiro n'imivugo bigufi kandi birimo ibitekerezo n'amagambo basanzwe bahura na yo mu buzima bwabo bwa buri munsi. Uko bagenda biyungura ubushobozi mu gusoma, ni ko inyandiko basoma zigenda ziba ndende kandi zivuga ku bintu binyuranye basanzwe bazi. Ku kigero icyo ari cyo cyose, ibitabo abanyeshuri bisomera bigomba kuba bishimishije, birimo inyigisho nziza, zibafasha kwaguka mu mitekerereze kandi zibatera amatsiko n'ishyaka ryo gukunda gusoma.

Iyi nyandiko ishyizwe ahagaragara mu rwego rwo gutanga umurongo ku bandika inkuru, imyandiko ntekerezo, ibiganiro n'imivugo by'Ikinyarwanda bigenewe abanyeshuri bo mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza, ndetse n'abarimu bigisha muri icyo kiciro. Ibi bizafasha gutoza abanyeshuri umuco wo gusoma bakiri bato, bityo bamenye gusoma neza badategwa.

Turashimira buri wese wagize uruhare mu itegurwa ry'iyi nyandiko, tunashishikariza abarimu bo mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza n'abanditsi kuyikoresha neza, bita ku mabwiriza ayikubiyemo.

**Dr. MBARUSHIMANA Nelson**

Umuyobozi Mukuru wa REB

# Gushimira

Iyi nyandiko yateguwe ku bufatanye n'abafatanyabikorwa mu burezi ku nzego zitandukanye.

Turashimira Minisiteri y'Uburezi (MINEDUC), abakozi b'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB), by'umwihariko abo mu Ishami ry'Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho (CTLR).

Turashimira kandi abarimu ba kaminuza y'u Rwanda ishami ry'uburezi (UR-CE), abayobozi bashinzwe uburezi ku nzego zitandukanye, abayobozi b'ibigo by'amashuri n'abarimu bigisha isomo ry'Ikinyarwanda mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza bagize uruhare mu itegurwa ry'iyi nyandiko.

Turashimira byimazeyo abafatanyabikorwa bose bagize uruhare kugira ngo iyi nyandiko ishyirwe ahagaragara.

**MURUNGI Joan**

Umuyobozi w'Ishami ry'Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho/REB

# Intangiriro

Kwigisha abana gusoma bakiri bato ni umusingi ukomeye ubafasha mu kwiga neza no gutsinda amasomo yose. Ikinyarwanda kigishwa kuva mu mashuri y'inshuke. Mu mashuri abanza nibwo abanyeshuri batangira gutozwa gusoma udukuru twiganjemo inyuguti n'ibihekane byizwe ndetse n'ibitabo biri mu nzego zitandukanye bitewe n'urwego rwo gusoma bagezeho.

Niba abanyeshuri basabwa gutangira kwisomera inkuru mu mwaka wa mbere w'amashuri abanza, bakeneye gahunda iteguye neza yo kubafasha kunguka ubushobozi mu gusoma intambwe ku yindi. Ni ukuvuga ko bakeneye gufashwa gutahura inyuguti n'amajwi yazo (itahuramajwi), bagafashwa guhuza inyuguti n'amajwi yazo ndetse no gusoma bagemura mbere y'uko batozwa gusoma neza kandi vuba.

Inkuru abanyeshuri bisomera zishobora gushyirwa mu byiciro bitatu by'ingenzi bikurikira:

- **Inkuru umunyeshuri yisomera ubwe ku giti ke** – Aha umunyeshuri ashobora kwisomera ku giti ke bitamugoye kandi neza nibura 95% by'amagambo ari muri iyo nkuru;
- **Inkuru umunyeshuri yisomera ariko agakenera ubufasha hamwe na hamwe** – Aha umunyeshuri ashobora kwisomera hagati ya 90 na 95% by'amagambo ari muri iyo nkuru ariko mu gusoma hari aho anyuzamo akajijinganya cyangwa agakenera ubufasha mu gusoma neza amagambo amwe n'amwe;
- **Inkuru irenze ubushobozi bw'umunyeshuri** – Ni inkuru umunyeshuri asoma ariko agenda ahagarara kuko hari amagambo menshi atabasha kwisomera ubwe. Mu byukuri iyo ahawe iyi nkuru ayisoma ahatiriza kuko ntabasha kwisomera amagambo yose cyangwa gusobanukirwa n'icyo inkuru iri kuvugaho.

N'ubwo ari ngombwa ko abanyeshuri bagomba gutozwa gusoma bakiri bato, ni ngombwa cyane kwita ku nyandiko (inkuru, imivugo, ibiganiro,...) tubagenera gusoma bitewe n'urwego rwo gusoma bagezeho.

Uretse ibitabo by'ibanze bikoreshwa mu kwigisha isomo ry'Ikinyarwanda, abanyeshuri bakenera izindi mfashanyigisho zibafasha kuzamura ubushobozi bwabo mu gusoma. Muri izo mfashanyigisho harimo ibitabo by'inkuru, imyandiko ntekerezo, ibiganiro cyangwa imivugo biri ku rwego rwo gusoma abanyeshuri bagezeho.

Ibitabo by'Ikinyarwanda bikoreshwa mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza bishyirwa mu nzego eshatu. Mu gushyira ibi bitabo by'inkuru, imyandiko ntekerezo cyangwa imivugo muri izo nzego hashingirwa ku ngingo zikurikira: Igitekerezo kigize inkuru cyangwa insanganyamatsiko, amagambo n' inyunguramagambo bikoreshwa mu nkuru, ibishushanyo biri mu nkuru n'aho biherereye kuri buri rupapuro, uko inkuru ishimishije cyangwa iteyamatsiko.

Hashingirwa kandi ku mubare w'amagambo agize interuro, umubare w'amagambo ku rupapuro, gukata interuro igakomeza ku murongo ukurikiyeho, umubare w'interuro ku ipaji, umubare w'imigemo mu magambo, ingano y'inyandiko, ubwoko bw'inyandiko zikoreshwa, intera hagati y'amagambo, ingano y'igitabo n' umubare w'impapuro zigize igitabo.

Inzego z'ibitabo zivugwa aha nta ho zihuriye n'umwaka umunyeshuri yigamo ahubwo bihuzwa n'urwego umunyeshuri agezeho mu gusoma. Uko igitabo kigenda kijya ku rwego rwisumbuyeho ni ko kigenda gisaba ubushobozi bwisumbuyeho bw'umunyeshuri ugomba kugisoma.

Ni ngombwa rero ko abanditsi b'ibitabo bita kuri izi ngingo zose zavuzwe haruguru kandi bakabihuza n'inzego rw'abanyeshuri bandikiye.

# 1. Ibiranga ibitabo byo gusoma mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza

| Ibishingirwaho | Inzego z'ibitabo | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | 1 | 2 | 3 | 4 | 5 | 6 |
| **Umubare w'amagambo agize interuro** | • Igishushanyo kidafite ijambo cyangwa inyuguti<br>• Igishushanyo n'ijambo rimwe<br>• Amagambo 2 cyangwa 3.<br><br>**Urugero:** Ihene nini | Amagambo atarenga 6<br><br>**Urugero:** Ihene nini iriruka. | Amagambo atarenga 8<br><br>**Urugero:** Ihene nini yiruka cyane. Ifite abana babiri bihuta cyane. | Amagambo atarenga 10.<br><br>**Urugero:** Ihene nini ifite abana babiri biruka cyane. Iyo hene yiruka kuzirusha. | Amagambo atarenga 12.<br><br>**Urugero:** Kera habayeho ihene nini y'umukara yakundaga amatovu. Yari ifite abana babiri. Iyo hene yarizi kwiruka cyane kuzirusha zose. | Amagambo atarenga 15.<br><br>**Urugero:** Kera habayeho ihene nini y'umukara yakundaga amatovu. Yari ifite abana babiri. Yari izi kwiruka cyane. |
| **Umubare w'amagambo ku rupapuro** | Nta jambo cyangwa se amagambo atarenga 3 | Amagambo atarenga 6 | Amagambo atarenga 16 | Amagamboatarenga 32 | Amagambo atarenga 60 | Nta mubare ntarengwa |
| **Gukata interuro** | Interuro yandikwa ku murongo umwe. | Interuro yandikwa ku murongo umwe. | Interuro yandikwa ku murongo umwe. | Interuro ishobora kwandikwa ku mirongo irenze umwe. | Interuro ishobora kwandikwa ku mirongo irenze umwe. | Interuro ishobora kwandikwa ku mirongo irenze umwe. |
| **Umubare w'interuro** | Nta nteruro ihari cyangwa interuro 1 | Ntabwo zirenga interuro 2 | Ntabwo zirenga interuro 3 | Ntabwo zirenga interuro 6 | Ntabwo zirenga interuro 10 | Nta mubare ntarengwa |
| **Umubare w'imigemo** | Ntabwo irenga imigemo 6 | Ntabwo irenga imigemo 6 | Ntabwo irenga imigemo 6 | Nta mubare ntarengwa | Nta mubare ntarengwa | Nta mubare ntarengwa |
| **Ingano y'inyandiko** | Inyandiko nini kandi ihagaze (28) | Inyandiko nini kandi ihagaze (28) | Inyandiko nini kandi ihagaze (28) | Inyandiko nini kandi ihagaze (20) | Inyandiko nini kandi ihagaze (14) | Inyandiko nini kandi ihagaze (12) |
| **Ubwoko bw'inyandiko** | Inyandiko ifasha abana gusoma **Urugero**: ANDIKA | Inyandiko ifasha abana **Urugero**: ANDIKA | Inyandiko ifasha abana gusoma **Urugero** : ANDIKA | Inyandiko ifasha abana gusoma **Urugero**: ANDIKA | Inyandiko isanzwe yakoreshwa ariko igakoreshwa mu buryo buhoraho. | Inyandiko isanzwe yakoreshwa ariko igakoreshwa mu buryo buhoraho. |

| | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| **Intera hagati y’amagambo** | • Intera hagati y’amagambo n’igishushanyo<br>• Intera nini hagati y’amagambo (nibura intera 2) | • Intera hagati y’amagambo n’igishushanyo<br>• Intera nini hagati y’amagambo n’imirongo (nibura intera 2) | • Intera hagati y’amagambo n’igishushanyo<br>• Intera nini hagati y’amagambo n’imirongo (nibura intera 2) | Intera igereranyije (nibura 1.5) | Intera isanzwe (1) | Intera isanzwe (1) |
| **Ingano y’igitabo** | B5 gitambitse cyangwa gihagaze | B5 gitambitse cyangwa gihagaze | B5 gitambitse cyangwa gihagaze | B5 gitambitse cyangwa gihagaze | B5 gitambitse cyangwa gihagaze | B5 gitambitse cyangwa gihagaze |
| **Umubare w’impapuro** | Ntabwo zirenga 24 zose hamwe | Ntabwo zirenga 24 zose hamwe | Ntabwo zirenga 24 zose hamwe | Ntabwo zirenga 32 zose hamwe | Ntabwo zirenga 60 zose hamwe | Nta mubare ntarengwa |
| **Ibishushanyo** | • Ibishushanyo bigaragara neza, bisobanura neza ibyanditse ku rupapuro<br>• Ibishushanyo bigomba kuba byoroheye umwana kuvumbura ibirimo, ntibigomba kubamo ibirangaza abana bitari ngombwa. | • Ibishushanyo bigaragara neza, bisobanura neza ibyanditse ku rupapuro<br>• Ibishushanyo bigomba kuba byoroheye umwana kuvumbura ibirimo, ntibigomba kubamo ibirangaza abana bitari ngombwa. | • Ibishushanyo bigaragara neza, bisobanura neza ibyanditse ku rupapuro<br>• Ibishushanyo bigomba kuba byoroheye umwana kuvumbura ibirimo, ntibigomba kubamo ibirangaza abana bitari ngombwa. | • Ibishushanyo bigaragara neza, bisobanura neza ibyanditse ku rupapuro<br>• Ibishushanyo bishobora kubamo ibintu bitandukanye bitoroshye kuvumbura. | • Ibishushanyo biragabanuka, inyandiko zikiyongera kuko umwana aba atangiye kumenya gusoma neza. | Ibishushanyo biragabanuka, inyandiko zikiyongera kuko umwana aba atangiye kumenya gusoma neza. |
| **Umwanya w’ibishushanyo** | Habanza igishushanyo hagakurikiraho amagambo. | Habanza igishushanyo hagakurikiraho amagambo. | Habanza igishushanyo hagakurikiraho amagambo | Habanza igishushanyo hagakurikiraho amagambo. | Igishushanyo cg igisobanuro cyacyo kimwe cyabanza ariko gusa bikubahiriza gahunda imwe. | Igishushanyo cg igisobanuro cyacyo kimwe cyabanza ariko gusa bikubahiriza gahunda imwe. |

| | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| **Ibyo igitabo kivugaho** | • Ibyo umwana abona, ahura nabyo mu buzima bwa buri munsi (mu rugo, ku ishuri), harimo ibishimisha binasetsa umwana (ibisimba bivuga, bikina,...).<br>• Igitekerezo kimwe kandi kivuga ku byo umwana asobanukiwe. | • Ibyo umwana abona, ahura nabyo mu buzima bwa buri munsi (mu rugo, ku ishuri), harimo ibishimisha binasetsa umwana (ibisimba bivuga, bikina,...).<br>• Igitekerezo kimwe kandi kivuga ku byo umwana asobanukiwe. | • Ibyo umwana abona, ahura nabyo mu buzima bwa buri munsi (mu rugo, ku ishuri), harimo ibishimisha binasetsa umwana (ibisimba bivuga, bikina,...).<br>• Igitekerezo kimwe kandi kivuga ku byo umwana asobanukiwe. | Ibyo umwana azi ariko hiyongeraho ibiri hanze y'umuryango n'ishuri yigamo. | Ibyo umwana azi ariko hiyongeraho ibiri hanze y'umuryango n'ishuri yigamo. | Ibyo umwana azi ariko hiyongeraho ibiri hanze y'umuryango n'ishuri yigamo. |
| **Ubwoko bw'imyandiko** | Ibitabo by'amashusho, itonde ry'inyuguti, ibitabo, udukuru tugufi. | Ibitabo by'amashusho, itonde ry'inyuguti, udukuru tugufi. | Ibitabo by'inkuru, ibiganiro, imivugo yoroshye | Ibitabo by'inkuru, ibiganiro, imivugo yoroshye | Ibitabo by'inkuru, imivugo yoroshye, ibiganiro, ikinamico. | Ibitabo by'inkuru, imivugo yoroshye, ibiganiro, ikinamico. |
| **Inyungura magambo** | Zoroshye kandi zikoreshwa cyane | Zoroshye kandi zikoreshwa cyane | Zoroshye ariko harimo n'andi magambo adakoreshwa cyane | Amagambo yenda gukomera | Imvugo ijimije kandi ya gihanga | Imvugo ijimije kandi ya gihanga |
| **Imitere y'imyandiko** | Imyandiko yoroshye ishyigikiwe n'ibishushanyo, interuro ngufi, ibintu n'ibikorwa umwana amenyereye. | Imyandiko yoroshye ishyigikiwe n'ibishushanyo. | Imyandiko yoroshye ishyigikiwe n'ibishushanyo | Imyandiko ijimije kandi ifite abanyarubuga barenze umwe. | Imyandiko ijimije kandi ifite abanyarubuga barenze umwe. | Imyandiko ijimije kandi ifite abanyarubuga barenze umwe |
| **Utwatuzo** | Aho bikenewe wakoresha inyuguti nkuru n'akabago. | Aho bikenewe wakoresha inyuguti nkuru n'akabago. | Akitso, akabago, akabazo, agatangaro, utwuguruzo n'utwugarizo. | Akitso, akabago, akabazo, agatangaro, utwuguruzo n'utwugarizo. | Bakoresha utwatuzo dutandukanye nta kibazo. | Bakoresha utwatuzo dutandukanye nta kibazo. |

## 2. Ibiranga abanyeshuri bo muri buri rwego

**2.1 Urwego rwa 1 rw'abanyeshuri bisomera**

- Uyu mwana ni mushya mu kwiga gusoma;
- Aba atangiye guhura n'inyandiko zicapye;
- Aba kandi atangiye guhuza ijwi n'inyandiko;
- Iyo asoma agenda yifashisha urutoki;
- Akenera amashusho amufasha gusobanukirwa n'inyandiko;
- Akenera interuro ngufi n'insanganyamatsiko amenyereye

**2.2 Urwego rwa 2 rw'abanyeshuri bisomera**

- Uyu mwana aba agerageza gusoma yihuta;
- Aba ashobora gusoma inkuru ngufi;
- Akenera inkuru iri ku nsanganyamatsiko amenyereye;
- Imirongo kuri paji iba ishobora kuva kuri 2 kugeza kuri 4;
- Aba atangiye kugenda ahuza imigemo vuba.

**2.3 Urwego rwa 3 rw'abanyeshuri bisomera**

- Uyu mwana asoma yihuta;
- Na we akenera insanganyamatsiko z'ubuzima busanzwe;
- Aba ashobora gusoma kuva ku mirongo 3 kugera kuri 6;
- Ashobora gukoresha utwatuzo dutandukanye tw'ibanze;

**2.4 Urwego rwa 4 rw'abanyeshuri bisomera**

- Uyu mwana asoma adategwa;
- Aba ashobora gusoma inyandiko nto, iringaniye cyangwa ndende;
- Ayobowe n'amashusho aba ashobora gusoma inkuru igiye igabanyije mu bika no mu bice.

**2.5 Urwego rwa 5&6 rw'abanyeshuri bisomera**

- Uyu mwana aba asoma yihuse kandi adategwa;
- Ashobora gusoma ibika birebire n'inkuru iri mu bice;
- Ashobora guhuza ijwi n'ibyo asoma ndetse n'utwatuzo;
- Ashobora gusobanukirwa n'interuro ndende;
- Ashobora kumva ibyo asoma wenyine;
- Inyandiko ziba zifite amashusho make.

## 3. Ihuriro riri hagati y'inzego z'ibitabo n'umwaka abanyeshuri bigamo

Burya abanyeshuri n'ubwo baba biga mu ishuri rimwe ntabwo baba banganya ubushobozi bwo gusoma. Buri gihe usanga harimo bamwe basoma neza cyane, harimo abagerageza hakabamo n'abandi ubona bagorwa cyane no gusoma bitewe n'inyandiko/inkuru bahawe gusoma.

Nubwo atari byiza guhuza izi nzego z'ibitabo n'imyaka y'amashuri abanyeshuri bigamo, twifuje ko aya mabwiriza yakoreshwa ku buryo bukurikira:

- Urwego rwa 1, 2 & 3 byakoreshwa mu mwaka wa mbere w'amashuri abanza.
- Urwego rwa 2, 3 & 4 byakoreshwa mu mwaka wa kabiri w'amashuri abanza.
- Urwego rwa 3, 4, 5&6 byakoreshwa mu mwaka wa gatatu w'amashuri abanza.


**Ikitonderwa:**

Urwego rwa 6 rubarizwamo abantu bose bazi gusoma neza cyane. Rushobora kubonekamo rero abanyeshuri bo mu mwaka wa gatatu n'abandi bari mu myaka yisumbuyeho bazi gusoma neza cyane. Ibitabo byo muri uru rwego ntibigomba kwitiranwa n'ibitabo by'inkuru ndende kuko byo biba biri ku rwego rurenze urw'abanyeshuri biga mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza. Ibi bigenda bihinduka bitewe n'umwanya abanyeshuri bahabwa wo gukora imyitozo yo gusoma n'inshuro basoma kuko uko basoma kenshi ni ko barushaho kuba abasomyi beza ndetse bakanagenda bakenera inkuru zisumbuyeho kurushaho.

# Umugereka: Ingero z’ ibitabo kuri buri rwego

## 1. Urwego rwa mbere


**Akarabo**




© 2023 Urwego rw’Igihugu rushinzwe Uburezi bw’Ibanze

Uburenganzira bw’umuhanzi w’ibikubiye muri iki gitabo, bufitwe n’Urwego rw’Igihugu rushinzwe Uburezi bw’Ibanze (REB).

Iki gitabo cyashyizwe ahagaragara bwa mbere ku nkunga ya Amerika ibinyujije mu Kigo cya Leta Zunze Ubumwe z’Amerika Gishinzwe Iterambere Mpuzamahanga (USAID). Ibitekerezo bigikubiyemo si ibya USAID cyangwa Guverinoma ya Leta Zunze Ubumwe z’Amerika. Iki gitabo cyashyizwe ahagaragara bwa kabiri ku nkunga ya Banki y’Isi.




Akarabo keza.

1



Gasa neza

2



Gateye neza

3




Gahumura neza

4



Gataka neza

5



Tugafate neza.

6

# Akarabo

Akarabo keza

Gasa neza

Gateye neza

Gahumura neza

Gataka neza


Tugafate neza

Uyu muvugo **"Akarabo"** ni urugero rujyanye n'urwego rwa mbere kubera ibi bikurikira:

- Umuvugo uvuga ku kintu abana babona mu buzima bwa buri munsi;
- Amashusho ari hejuru y'amagambo, agaragara neza kandi asobanura inkuru;
- Amagambo ku nteruro ntarenga atatu;
- Amagambo kuri paji ntarenga atatu;
- Interuro kuri paji ntirenze imwe;
- Imigemo y'amagambo yose ntirenga itandatu;
- Nta twatuzo turenze akabago turimo;
- Interuro zose zanditse ku murongo umwe.

# 2. Urwego rwa kabiri

## Akazuba Keza





© 2023 Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze

Uburenganzira bw'umuhanzi w'ibikubiye muri iki gitabo, bufitwe n'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB).


Iki gitabo cyashyizwe ahagaragara bwa mbere ku nkunga ya Amerika ibinyujije mu Kigo cya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika Gishinzwe Iterambere Mpuzamahanga (USAID). Ibitekerezo bigikubiyemo si ibya USAID cyangwa Guverinoma ya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika. Iki gitabo cyashyizwe ahagaragara bwa kabiri ku nkunga ya Banki y'Isi.






Mbonye kaza kaka rwose.

2



Mbona gasumba ibiremwa byose.

3




Gatuma twese twiga neza.

4



Kakadutera kunezerwa.

5



Kaje karasira iburasirazuba.

6



Karamurikira nkabyuka.

7




Kakansusurutsa nkitegura

8




Nkitabira ishuri nkeye.

9



Ni akazuba keza cyane.

10

## Akazuba keza

Dore akazuba keza cyane.
Gatuma twese twiga neza.
Kakadutera kunezerwa.
Kaje karasira iburasirazuba.
Karamurikira nkabyuka bwangu.
Kakansusurutsa nkitegura
Nkitabira ishuri nkeye.
Ni akazuba keza cyane.

Uyu muvugo **"Akazuba Keza"** ni urugero rwiza rujyanye n'urwego rwa kabiri kubera ibi bikurikira:

- Ni umuvugo  uvuga ku kintu umwana abona mu buzima bwa buri munsi;
- Amashusho  agaragara neza kandi  asobanura inkuru;
- Uyu muvugo ufite inyandiko yoroshye ishyigikiwe n' amashusho;
- Amagambo ku nteruro ntarenga atandatu;
- Amagambo kuri paji ntarenga atandatu;
- Interuro kuri paji ntizirenze ebyiri;
- Imigemo y'amagambo yose ntirenga itandatu;
- Nta twatuzo turenze akabago turimo;
- Amashusho ari hejuru y'amagambo kandi ni manini;
- Interuro zose zanditse ku murongo umwe.

# 3. Urwego rwa gatatu

## Akayuki k'agakozi




IRAKOZE Yakin, yanditse iyi nkuru afite imyaka 16, yiga mu mwaka wa 2 w'amashuri yisumbuye, mu rwunge rw'amashuri rwa Nkondo 2, Akarere ka Kayonza, Intara y'Iburasirazuba. Iyi nkuru ye, AKAYUKI K'AGAKOZI, ni imwe mu zahize izindi mu irushanwa rya Andika Rwanda 2017/2018.

© 2023 Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze

Uburenganzira bw'umuhanzi w'ibikubiye muri iki gitabo, bufitwe n'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB).

Iki gitabo cyashyizwe ahagaragara bwa mbere ku nkunga ya Amerika ibinyujije mu Kigo cya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika Gishinzwe Iterambere Mpuzamahanga (USAID). Ibitekerezo bigikubiyemo si ibya USAID cyangwa Guverinoma ya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika. Iki gitabo cyashyizwe ahagaragara bwa kabiri ku nkunga ya Banki y'Isi.



Akayuki k'agakozi kitereye ibimera.

1




Abana bagakina bonona ibimera kitereye.

2



Akayuki kahoraga kababaye. Kanahoraga gasakuza.

3



Kiyemeza kuzaha igihano abakononera.

4



Bukeye akayuki kihisha mu giti, aho abana batakabona.

5



Abana baza gukina batazi ko gahari.

6



Bavunagura ibiti akayuki kitereye.

7



Akayuki kamanuka mu giti.

8



Kavugana uburakari n'umubabaro.
Akayuki kababaza igituma bangiza ibiti.

9




Kabategeka kumanika amaboko.
Abana bakora icyo gihano.

10



Akayuki kabigisha akamaro k'ibimera.

11



Kavuga ko ibimera bifite akamaro kanini.
Bituma bagira ubuzima bwiza.

12





Ibimera bivamo imiti inyuranye.
Natwe duhova mu ndabo tugakora ubuki.

13



Ibimera biduha ibiti tukubaka amazu.

14



Biduha umwuka mwiza duhumeka"

15



Abana barabyumva bagasaba imbabazi.

16



Akayuki kabaha imbabazi barishima.

17



Abana bataha banezerewe.
Ntibongera konona ibimera ukundi.


18

Iyi nkuru **"Akayuki k' agakozi"** ni urugero rwiza rw' inkuru y'urwego rwa gatatu kubera ibi bikurikira:

- Iyi nkuru ivuga ku kintu abana bazi (Uruyuki) babona mu buzima bwa buri munsi;
- Iteye amatsiko kandi irashimishije;
- Amashusho agaragara neza, asobanura ibiri mu nkuru kandi afasha abana kuvumbura ibyanditse mu nkuru;
- Iyi nkuru ifite inyandiko yoroshye ishyigikiwe n' amashusho;
- Iyi nkuru ntifite ibishushanyo birangaza abana bitari ngombwa;
- Ifite inyunguramagambo zoroshye kandi zikoreshwa cyane;
- Amagambo ku nteruro ntarenga umunani;
- Amagambo kuri paji ntarenga cumi n'atandatu;
- Interuro kuri paji ntizirenze eshatu;
- Imigemo y'amagambo yose ntirenga itandatu;
- Harimo utwatuzo turenze akitso n'akabago;
- Amashusho ari hejuru y'amagambo kandi ni manini.

# 4. Urwego rwa kane

## Havumbutse Amashyuza




INEZA Consolatrice, yanditse iyi nkuru afite imyaka 13, yiga mu mwaka wa 2 w'amashuri yisumbuye, mu Rwunge rw'Amashuri rwa Shoba-Muramba, Akarere ka Karongi, Intara y'Iburengerazuba. Iyi nkuru ye, HAVUMBUTSE AMASHYUZA ni imwe mu zahize izindi mu irushanwa rya Andika Rwanda 2019.

© 2019 Rwanda Education Board

Uburenganzira bw'umuhanzi w'ibikubiye muri iki gitabo, bufitwe n'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB).

Iki gitabo cyashyizwe ahagaragara ku nkunga ya Amerika ibinyujije mu Kigo cya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika Gishinzwe Iterambere Mpuzamahanga (USAID). Ibitekerezo bigikubiyemo si ibya USAID cyangwa Guverinoma ya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika.



Kera habayeho umukobwa witwaga Umumararungu, agatura ku musozi wa Bugonyori. Uwo mukobwa yagiraga isuku cyane ndetse n'iwabo hagahora hateguye.

1



Mu gace yari atuyemo, abantu benshi baramukundaga cyane. Yakundaga gusabana kandi agafasha abakecuru n'abasaza batishoboye. Mbese nk'uko izina rye ribivuga, yari umumararungu koko.

2



Mu buzima bwe, ntiyajyaga yoga amazi akonje. Yogaga ashyushye gusa. Umunsi umwe, abyuka yitegura kujyana n'abandi bakobwa mu rubohero.

3



Umumararungu aterura amazi ashyushye, yerekeza aho yakundaga kogera. Mu gihe yagendaga, aranyerera amazi arameneka yinjira mu butaka ayareba.

4



Nuko arababara cyane, aricara, yitangira itama. Yibaza ibimubayeho biramuyobera. Ntiyumvaga ukuntu amazi adasandaye, ahubwo agahita acengera yose mu butaka.

5



Umumararungu atangira kuririmba.
Ati: "Butaka, butaka, kuki unywereye amazi?" Umumararungu amaze kuvuga atyo, ha handi amazi yacengeye hatangira kwika.

6



Arongera ati: "Butaka, butaka, kuki unywereye amazi?" Ha handi amazi yacengeye harongera hararigita, Umumararungu avuza induru.

7



Umusaza wihitiraga yumva induru idasanzwe ajya kureba ibibaye. Ageze aho Umumararungu ari asanga atitira kubera ubwoba.

8



Umusaza amubaza ikibaye.
Umumararungu ananirwa kuvuga, ahubwo amwereka aho ubutaka bwarigise.
Umusaza yitegereza aho hantu abona nta kintu gihari. Nuko araseka cyane.

9



Abonye Umumararungu akomeza kuhatunga urutoki, agira amatsiko arahegera. Hanyuma afata ikibando yari yitwaje agishinga aharigise. Muri ako kanya ikibando na cyo gitangira kurigita.

10



Ubwo umusaza na we arumirwa, agira ubwoba, ashikuza cya kibando. Ako kanya ha handi hari harigise havumbuka amazi ashyushye, atogota.

11



Umumararungu n'umusaza barumirwa. Bavugiriza induru icyarimwe, abantu benshi barahurura.
Abantu babonye ukuntu ya mazi ava mu butaka atogota birabatangaza.

12



Kuva ubwo bayita amashyuza, Umumararungu akajya akunda kuyavoma, akayiyuhagira.
Abatuye muri ako gace babimenye, na bo bakajya baza kuyogamo.

13



Abakecuru n'abasaza bakavuga ko iyo bayoze bamererwa neza.
Inkuru y'amashyuza iramamara, abantu bakaza kuyoga bavuga ko abavura amavunane.
Si nge wahera hahera umugani.


14

**Iyi nkuru "Havumbutse Amashyuza" ni urugero rwiza rw' inkuru yo mu rwego rwa kane kubera ibi bikurikira:**

- Iyi nkuru ivuga ku byo abana bazi ariko hiyongeraho ibiri hanze y'umuryango n'ishuri yigamo;
- Iteye amatsiko kandi irashimishije;
- Ibishushanyo bigaragara neza, bisobanura ibyanditse ku rupapuro;
- Iyi nkuru ifite abanyarubuga benshi barenze umwe;
- Iyi nkuru ntifite ibishushanyo birangaza abana bitari ngombwa;
- Ifite inyunguramagambo yenda gukomera kuko harimo amagambo akoreshwa cyane n' andi magambo adakoreshwa cyane;
- Amagambo ku nteruro ntarenga 10;
- Amagambo kuri paji ntarenga 32;
- Interuro kuri paji ntizirenze 6;
- Interuro yanditse ku mirongo irenze umwe;
- Nta mubare ntarengwa w'imigemo ku magambo;
- Utwatuzo dutandukanye twakoreshejwe.

# 5. Urwego rwa gatanu

## Ubutwari bwa Mahoro




IRAKIZA Prince Primien, yanditse iyi nkuru afite imyaka 19, yiga mu mwaka wa 6 w'amashuri yisumbuye, mu Ishuri Nderabarezi rya Byumba, Akarere ka Gicumbi, Intara y'Amajyaruguru. Iyi nkuru ye, UBUTWARI BWA MAHORO, ni imwe mu zahize izindi mu irushanwa rya Andika Rwanda 2019.

© 2019 Rwanda Education Board

Uburenganzira bw'umuhanzi w'ibikubiye muri iki gitabo, bufitwe n'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB).

Iki gitabo cyashyizwe ahagaragara ku nkunga ya Leta ya Amerika ibinyujije mu Kigo cya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika Gishinzwe Iterambere Mpuzamahanga (USAID). Ibitekerezo bigikubiyemo si ibya USAID cyangwa Guverinoma ya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika.



Mahoro ni umwana ufite imyaka ikenda. Yiga mu mwaka wa gatatu w'amashuri abanza. Ahora yifuza ko abantu bose babaho mu mahoro kandi babona ibyo kurya. Nyamara iyo yitegereje abantu basabiriza, bimutera agahinda, akibaza ikibibatera.

1



Mu nzira Mahoro anyuramo ajya ku ishuri, haba umugabo usabiriza witwa Kamari. Kuva Mahoro yatangira ishuri, yahoraga abona Kamari yicaye ku nzira asabiriza. Yahavaga ari uko imvura iguye agiye kugama cyangwa bwije atashye. Buri gihe uko Mahoro ahanyuze, yaramwitegerezaga bikamubabaza.

2



Mahoro yakundaga kubona abatambutse kuri Kamari bamuhereza amafaranga. Akababazwa n'uko we nta mafaranga agira ngo ayamuhe. Akibaza icyo na we yakora ngo afashe Kamari bikamushobera. Agatekereza ko azamufasha yarabaye mukuru.

3



Ibyo ariko ntibyigeze bituma Mahoro yumva atekanye. Iyo yabaga ari kurya yatekerezaga ko abasabiriza babuze icyo barya. Yiyemeza kujya asaba ababyeyi be umugati akawupfunyika neza. Yawushyiraga mu gakapu ke yagera aho Kamari yicara akawumuha. Kamari akawakira yishimye agashimira Mahoro.

4




Umunsi umwe, Mahoro yegereye umwarimu amubaza impamvu hari abantu basabiriza. Umwarimu amusobanurira agira ati: "Gusabiriza ni umuco mubi. Abantu benshi baba bafite ubushobozi bwo gukora ariko ntibakore bagashimishwa no gusabiriza." Mahoro ashimira umwarimu kubera ibisobanuro amuhaye.

5



Mahoro atashye yegera Kamari amubaza ikimutera gusabiriza. Kamari amusobanurira ko afite ubumuga bw'ukuguru butuma adakora ngo atunge umuryango we. Mahoro amubwira ko mu ishuri babigishije ko n'abafite ubumuga bashoboye. Amuha urugero rw'imirimo yakora igatuma abasha kubona ibimutunga adasabirije.

6



Kamari atangarira ibitekerezo bya Mahoro kuko yabonaga akiri muto. Mahoro amaze kugenda, Kamari asigara atekereza icyo yakora akareka gusabiriza. Yatekereje gukora imyuga myinshi inyuranye ariko gufata umwanzuro biramugora. Nyuma yiyemeza kujya akora ibikoresho binyuranye mu birere.

7




Ku munsi wakurikiyeho, Mahoro yasanze Kamari arimo gutunganya ibirere. Kamari abwira Mahoro ko yumvise inama yamugiriye, ko atazongera gusabiriza. Mahoro amubaza icyo ateganya gukora mu birere ngo yikure mu bukene. Kamari amusubiza ko ateganya kujya akora ibintu binyuranye mu birere.

8




Kamari yatangiye kuboha ibikapu ndetse n'imitako mu birere. Yabikoranaga ubuhanga, akabitaka amabara meza. Abantu batangira kumugana ari benshi bamugurira ibikapu n'imitako. Amaze kubona amafaranga, ashaka inzu yo gukoreramo.

9




Kamari yakomeje gukora ashishikaye. Nyuma y'igihe gito abona amafaranga menshi. Yubaka inzu, agura imodoka n'ibibanza. Abana be na bo babonaga ibyo bakeneye byose bigatuma biga neza.

10




Igihe cyarageze Kamari atekereza kujya gushimira Mahoro iwabo. Ategura ibintu binyuranye birimo n'impano z'ibyo akora mu birere abishyira mu modoka. We n'umuryango we barisukura bambara n'imyambaro myiza. Bajya mu modoka berekeza iwabo wa Mahoro.

11



Hari mu biruhuko Mahoro arimo gukina n'abandi bana. Babona imodoka iparitse ku irembo ry'iwabo. Birukira kureba umushyitsi ubasuye. Mahoro ntiyahise amenya Kamari kuko yari yarahindutse. Hari hashize igihe kirekire atamubona.

12



Kamari asohotse mu modoka ahamagara Mahoro. Aramusuhuza, aramubwira ati: "Ndi Kamari, umwe wajyaga uha umugati ugiye ku ishuri." Mahoro aratangara cyane, yiruka ajya guhamagara ababyeyi be.

13



Mahoro n'ababyeyi be bakira abashyitsi. Bamaze kuruhuka, Kamari avuga ko agenzwa no gushimira umwana wabo Mahoro. Abwira ababyeyi be ubutwari bw'umwana wabo n'uburyo yamugiriye inama yo kureka gusabiriza. Ababyeyi ba Mahoro batangazwa n'imyitwarire ya Mahoro wari ukiri muto.

14




Kamari ashyikiriza Mahoro impano yamuzaniye. Ahereza n'ababyeyi be ibyo yari yabageneye abashimira ko umwana wabo ari intwari. Ababyeyi ba Mahoro bazakira bishimye. Bazimanira abashyitsi, barasangira, bifotoza n'ifoto y'urwibutso.

15



Inkuru ya Mahoro yamamara mu mudugudu hose. Bavuye mu biruhuko asanga no ku ishuri ryabo inkuru yarahasakaye. Umuyobozi w'ikigo ashimira Mahoro imbere y'abanyeshuri bose. Akangurira abanyeshuri bose kwamagana umuco wo gusabiriza.

16




Ubu mu murenge w'iwabo wa Mahoro, nta muntu ugisabiriza. Ababikoraga bose barabiretse, bashaka icyo bakora ngo biteze imbere. Hari n'abashinze ishyirahamwe "Mahoro meza" baryitirira Mahoro.


17

Iyi nkuru **"Ubutwari bwa Mahoro"** ni urugero rwiza rw' inkuru y' urwego rwa gatanu kubera ibi bikurikira:

- Iyi nkuru ivuga ku byo abana bazi ariko hiyongeraho ibiri hanze y'umuryango n'ishuri yigamo;
- Iteye amatsiko kandi irashimishije;
- Ifite ibishushanyo bike n' amagambo menshi;
- Iyi nkuru ifite abanyarubuga benshi barenze umwe;
- Iyi nkuru nta bishushanyo birangaza abana ifite;
- Amagambo ku nteruro ntarenga 12;
- Amagambo kuri paji ntarenga 60;
- Interuro kuri paji ntizirenze 10;
- Interuro ishobora kwandikwa ku mirongo irenze umwe;
- Nta mubare ntarengwa w'imigemo ku magambo;
- Utwatuzo dutandukanye twakoreshejwe.

# 6. Urwego rwa gatandatu

## Muswa na Kimonyo





HAKIZIMANA Philémon, yanditse iyi nkuru afite imyaka 17, yiga mu mwaka wa 5 w'amashuri yisumbuye, mu Ishuri Nderabarezi rya Save, Akarere ka Gisagara, Intara y'Amajyepfo. Iyi nkuru ye, MUSWA NA KIMONYO ni imwe mu zahize izindi mu irushanwa rya Andika Rwanda 2019.

© 2019 Rwanda Education Board

Uburenganzira bw'umuhanzi w'ibikubiye muri iki gitabo, bufitwe n'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB).

Iki gitabo cyashyizwe ahagaragara ku nkunga ya Amerika ibinyujije mu Kigo cya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika Gishinzwe Iterambere Mpuzamahanga (USAID). Ibitekerezo bigikubiyemo si ibya USAID cyangwa Guverinoma ya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika.



Kera mu gihugu cy'umwami Ntare, amapfa yarateye maze ibintu biradogera. Abaturage bo mu gihugu ke barasonza. Bagahora bicira isazi mu jisho.

1




Umwami Ntare abura uko yabigenza. Yahoraga ababajwe n'abaturage be bagiye kwicwa n'inzara. Umunsi umwe, yiyemeza gutumiza inama ngo barebe uko barwanya iyo nzara.

2



Abaturage be bose bamaze kuhagera, Ntare atangira kubabwira icyo yabashakiraga. Araterura ati: "Ni iki twakora kugira ngo turwanye iyi nzara itwugarije?"

3




Kimonyo atera urutoki yaka ijambo; bararimwima kubera ubuto bwe. Benshi mu bari aho bavugira icyarimwe bati: "N'iyo ngano yawe ugatanguranwa ijambo! Nta bitekerezo byawe dukeneye."

4





Kimonyo abonye ko bamunnyeze bakamwima ijambo, arababara ariko ntiyacika intege. Akomeza kubika ku mutima igitekerezo yashakaga gutanga.

5



Ntare akomeza gukoresha inama, asaba ibitekerezo binyuranye. Abenshi mu bari aho, nta bitekerezo bifatika batanze by'uko barwanya iyo nzara. Inama yarinze irangira batabonye umuti w'uko bayirwanya. Abaturage ba Ntare barataha ariko bigaragara ko bababaye cyane.

6




Umunsi umwe, Muswa yagiye gushakisha icyo yatora ahura na Kimonyo. Barasuhuzanya maze batangira kuganira. Kimonyo abaza Muswa ati: "Nshuti yange urabona uburyo inzara igiye kutwica twese?" Muswa aramusubiza ati: "Ndabibona ariko nta kintu twakora ngo iyi nzara ishire." Kimonyo aramukomeza aramubwira ati: "Reka dukore ibyo bagenzi bacu bumva ko tutashobora maze dukire iyi nzara." Muswa aramusubiza ati: "Icyo gitekerezo ni kiza ariko se twakora iki?" Kimonyo aramubwira ati: "Nubwo turi bato cyane dushobora kugera kuri byinshi."

7



Kimonyo akomeza amubwira ko bashobora gucukura bakagera ku mazi. Muswa ashima igitekerezo cya Kimonyo agira ati: "Reka tugerageze". Nuko Muswa na Kimonyo biyemeza gucukura ngo barebe ko bagera ku mazi. Bifuzaga ko bagera ku mazi akazabafasha kuvomerera imyaka yari yarishwe n'izuba. Baracukuye, baracukura, baracukuraaa! Izuba rirenga bagicukura. Burira, buracya basubira gucukura.

8




Bukeye bwaho, Nzovu abageraho ashakisha icyo yarya. Arababaza ati: "Ese murashaka iki?" Muswa na Kimonyo bamusubiza bihagazeho bati: "Turashaka kugera ku mazi." Arabitegerezaaa! Maze ababazanya agasuzuguro ati: "Murareba uko mungana mutyo mwazagera ku mazi? Nimushaka mubyihorere kuko nta ho muzagera!"

9



Muswa na Kimonyo kuko bari bafite umugambi wabo biyemeje, ntibacitse intege. Barakomeje baracukura baracukuraaa! Bagera ku mazi ariko bananirwa kuyavoma.

10



Bigira inama yo kujya gusaba ubufasha ku mwami Ntare. Umwami Ntare abatega amatwi ababaza niba koko amazi bayagezeho. Muswa ararahira, amwemeza ko amazi bayagezeho ko icyo batashoboye ari ukuyavoma.

11



Umwami Ntare ahamagara umugaragu we Bakame ngo amutume kuri Nzovu. Aramubwira ati: “Genda wihuta umbwirire Nzovu ko mukeneye byihutirwa, aze tuvugane.”

12




Bakame yari umugaragu wumviraga cyane shebuja. Nubwo yari ashonje yumvira shebuja. Yitegura vubavuba, yiruka agana kwa Nzovu.

13



Bakame ageze kwa Nzovu asanga Nzovu ahagaze hafi y'ibikingi by'amarembo. Akihagera aramusuhuza, amubwira ko umwami amukeneye byihutirwa iwe mu rugo.

14




Nzovu ntiyazuyaza ahita afata akabando ke ajyana na Bakame ku mwami Ntare.
Mu nzira bagenda, Nzovu agira amakenga.
Ariyumvira maze abaza Bakame ati:
"Urakeka ko umwami Ntare yaba anshakira iki?" Bakame aramubwira ati: "Simbizi.
Ubanza ahari hari ibyo Muswa na Kimonyo bakureze, ni bo nahasize."

15




Nzovu ajya kwa Ntare afite ubwoba bwinshi yibwira ko agiye mu rubanza. Akihagera atangazwa no kumva ko Kimonyo na Muswa babonye igisubizo k'inzara ibugarije.

16



Ntare abwira Nzovu ati: "Nubwo amazi yabonetse haracyari ikibazo." Dukeneye abayazamura. Ntare asaba Nzovu kujyana na Muswa na Kimonyo bakamwereka aho bacukuye amazi. Amusaba ko yabafasha kuyavoma akuhira imyaka yose yari yarabye kubera izuba.

17



Nzovu arabyubahiriza ajyana na Kimonyo na Muswa. Mu nzira bagenda, Nzovu ntiyemeraga ko Kimonyo na Muswa babonye amazi koko.

18



Bageze aho bacukuye amazi, Nzovu aratangara cyane; yicuza impamvu yabasuzuguye, abasaba imbabazi. Nzovu akoresheje umutonzi we, avoma amazi yuhira imyaka yose yari yararabye.

19



Nyuma y'igihe gito, imyaka irera ku buryo bushimishije. Ntare n'abaturage be barasarura bararya, barahunika, bashira inzara batyo.

20



Umwami Ntare abwira Bakame ngo afate ingoma ahamagaze abaturage baze ibwami. Bakame afata ingoma ajya ahirengeye ahamagara abaturage bose ba Ntare ngo baze.

21



Bakihagera, Ntare ahamagaza imbere Muswa na Kimonyo maze arabashimira, aranabagororera. Abagabira imisozi. Abwira abaturage be ko ibintu ari magirirane ko ntawukwiye gusuzugura undi. Buri wese mu bari aho yemera ko ubugabo atari ubutumbi koko.

22

**Iyi nkuru "Muswa na Kimonyo" ni urugero rwiza rw' inkuru yo mu rwego rwa 6 kubera ibi bikurikira:**

- Ivuga ku kintu abana bazi cyangwa bumvise (inzara) ariko hakiyongeraho ibiri hanze y'umuryango n'ishuri yigamo;
- Iteye amatsiko kandi irashimishije;
- Ifite ibishushanyo bike n' amagambo menshi;
- Iyi nkuru ifite inyandiko ijimije, ya gihanga, itoroshye kandi ifite abanyarubuga benshi;
- Ifite inyunguramagambo ikomeye kuko ifite amagambo adakunze gukoreshwa nko kunnyenga, kubika ku mutima n'ayandi;
- Amagambo ku nteruro ntarenga 15;
- Nta mubare ntarengwa w'amagambo kuri paji;
- Nta mubare ntarengwa w'interuro kuri paji;
- Interuro yanditse ku mirongo irenze umwe;
- Nta mubare ntarengwa w'imigemo ku magambo;
- Utwatuzo dutandukanye twakoreshejwe;
- Si inkuru ndende.